ABA ARADUTSE UMWERA!

Simvuguruza abavuga
Ndivugira ubwo numva
Byamvunaga mbirunda!

Ntumvuguruze utumva
Unyumve umvune aho wumva
Numva jye handenze:

Umunsi ufata urugendo
Ukamagira uza iwacu
Ukinjira utavumyisha
Witwaje ko wera
Utera nk'uko wera
Ubuhanya wahingukanye
Wamenyera inkomoko?

Waje abana barerwa iwacu
Uhaca ibitaramo usaba amaturo
Intwari usanze uziroha ishyanga
Ab'intege nkeya ubavutsa ubugabo
Bagana i Save murw'abana
Uca ubuhanuzi n'abahanura
Ubahuza Imana ubahamya Mungu…

Ibyo se ko nduzi ari amahaho,
Ubumwe wasanze waje usesa
Ugasinzira uziko amasinde
Urimo uyabibamo imbuto idasanzwe
Izera cyera utakiri ku isi,
Waba ari izimano wagaye?
Cyangwa inzika yari impamba
Tuba aho tuzi ko ari inyaduka
Naho wazindukanye gahunda?

Waje ushima uza wagaza
Imitsi yatembaga mo urwango
Uyikamura ukitwikanga
Urusendeza urwa Gasabo;
Udushyira igorora haragabanywe

Ukanyaga ubyitirira uwanyagaga
N'inyigisho ibitsindagira...

Nta wari uzi ko imvura nigwa
Uzajya kwugama mu matongo
Warahasenye turebera

Maze abo wubakiraga usenya
Ukabibarundanaho ubuhanga

Ugataraka ukabitaza
Ubonye utangiye kubatinya!

Ni ugutinya kwabiteye?
Cyangwa wambutse za nyanja
Uzanye gahunda yo kuduteza
Abo twaturanye tutakuzi?

Waje u Rwanda ruzira iterwa
Utera utarasa imyambi isanzwe
Umuheto uba umunwa imvugo iba amabano
Umasha ushimitse imitwe n'imitima
Uturasa iy'ingobe izica irambye!
Wabibye utazi se imbuto uzeza?
Cyangwa wazanye iyo gahunda
Y'uko uzasiga ino imirambo
Izaba indunduro y'umugambi?

Waje abarwo bonka ayarwo
Batayacuranwa umwami acunda
Atambamye umuta ishyanga
Ataragabanye uri aho!

Winjiye ugaba unanyaga
Nta nama unagiye
N'abo wabaga ugirira!

Ni imigabo se wagaye
Y'abo waje bagaba?

Cyangwa ni umugambi
Ubimbura inzira ndende?

Waje u Rwanda rukiri rwiza
Urusiga nta suku nta sura
Amaraso atemba atagira isoko
Abo rwatungaga batakuzi
Barwitangira rwatewe
Usiga ubahase amayira ahunga
Aho batuye ari amatongo,
Ugenda kandi ntaho ugiye
Ahubwo uhindura uburyo uri aho:
Ni ugushima ubushyitsi cyane?
Cyangwa wagirango urebere
Kw'abo wanze impamvu itazwi
Bazahinduka ab'amateka
Abo wabitoje babibateye? …

Uwari undinze ntiyandinze
Ndabona ahubwo asa n'umpunga
Ndumva ampigira ko nahizwe
Nzira ko nicaye mbaza impamvu! …

Ngannye umuganga ngirango amvure
Aho kunyunga aza anyuka inabi
Angira inama yo kwiyunga
Kandi aruzi nta rugingo! …

Nisabiye ubumuntu
Namburiwe mu Bantu
Bamfunyikira inabi!
N'ubwo bizira itoto
Ndumva binkunenze
Nta nkokora narokoye
Zankorera aharinze! …